



REPUBLIKA Y'U RWANDA



# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA MATA 2021

10 Gicurasi 2021

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## **IGIIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA MATA 2021**

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejewe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Mata 2021. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### **A. Ibiciro mu mijyi**

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 2,4% mu kwezi gushize kwa Mata 2021 ugereranyije na Mata 2020. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu kwezi kwa gatatu (Werurwe 2021) ryari ku kigereranyo kingana na 2%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 2,4% mu kwezi kwa Mata ni n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 1,2%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byazamutseho 12,2%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 4,7% n'ibiciro by'uburezi byazamutseho 10,8%.

Iyo ugereranyije Mata 2021 na Mata 2020, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byazamutseho 3,3%.

Wagereranya ukwezi kwa Kane (Mata 2021) n'ukwezi kwa gatatu (Werurwe 2021), ibiciro byazamutseho 0,2%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 0,5%.

### **B. Ibiciro mu byaro**

Mu kwezi kwa Mata 2021, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 3% ugereranyije na Mata 2020. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa gatatu (Werurwe 2021) ryari ku kigereranyo kingana na 1,5%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 3% mu kwezi kwa Mata ni ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byazamutseho 5,1% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 10,8%.

Ugereranyije ukwezi kwa kane (Mata 2021) n'ukwezi kwa gatatu (Werurwe 2021) ibiciro byagabanutseho 1,6%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 3,2%.

### C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kwa Mata 2021 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 2,7% ugereranyije na Mata 2020. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa gatatu (Werurwe 2021) ryari ku kigereranyo kingana na 1,7%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 2,7% mu kwezi kwa Mata 2021 ni ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byazamutseho 7,3% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 5,4%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa kane (Mata 2021) n'ukwezi kwa gatatu (Werurwe 2021) ibiciro byagabanutseho 0,9%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 2,1%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Mata 2020 kugeza muri Mata 2021.**

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Mata 2020 kugeza muri Mata 2021													
<i>ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije</i>													
	2020									2021			
	04	05	06	07	08	09	10	11	12	01	02	03	04
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi	8,0	9,2	9,0	9,2	8,8	8,9	7,2	4,2	3,7	2,8	1,6	2,0	2,4
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro	11,7	10,5	11,2	13,2	12,4	12,2	10,9	4,7	4,1	4,0	2,7	1,5	3,0
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda	10,1	9,9	10,3	11,5	10,9	10,8	9,3	4,5	3,9	3,5	2,2	1,7	2,7
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi	-0,2	2,0	-0,2	0,2	0,5	1,0	-0,9	-1,0	-0,8	-0,3	0,4	1,4	0,2
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro	-3,0	-0,3	0,6	1,6	1,7	2,0	0,6	-0,7	-1,7	-1,2	0,5	1,4	-1,6
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda	-1,8	0,7	0,2	1,0	1,2	1,6	0,0	-0,8	-1,3	-0,8	0,5	1,4	-0,9
<i>Isoko: Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda</i>													

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103 Hot line: 4321

Web site: [www.statistics.gov.rw](http://www.statistics.gov.rw) /CPI Indexes

Email: [info@statistics.gov.rw](mailto:info@statistics.gov.rw)